RWANDA MEDIA COMMISSION
Media Self Regulatory Body

Promoting Free, Responsible and Accountable Media

ICYEMEZO CYA KOMITE NDANGAMYITWARIRE YA RWANDA MEDIA COMMISSION KU KIREGO CYA GBC IREGA UMUNYAMAKURU NIYIBIZI DIDACE N'IGITANGAZAMAKURU FLASH TV

UREGA

GBC (GABANYIRIZWA BUSINESS COMPANY)

UREGWA

NIYIBIZI Didace n'Igitangazamakuru FLASH TV

IKIREGERWA

Gutangaza inkuru zisebya GBC n'abayobozi bayo

URWEGO RWAREGEWE:

Rwanda Media Commission (RMC)

P.O.BOX: 2136 Kigali, RWANDA
E-mail: info@rmc.org.rw
TEL: (+250) 280078888
www.rmc.org.rw
TOLL FREE: 3536
Twitter: @RMC_Rwanda

I. UKO IKIBAZO GITEYE MURI MAKE

1. Tariki 27 Kanama 2019 RMC yakiriye ikirego cya GBC kivuga ko FLASH TV Rwanda official channel kuri youtube yakoze inkuru zibasebya ikangiza isura ya company no kuyiteza igihombo gikomeye.
2. GBC ivuga ko umunyamakuru NIYIBIZI Didace yabasanze aho bakorera bagirana ikiganiro aho yababajije ku kibazo cy'imishahara y'ibirarane company ifitiye abakozi; kuba hari bamwe mu bakozi b'abakobwa Umuyobozi yaba yarasabye gukorana imibonano mpuzabitsina kugirango abahembe. Ikiganiro cyanyujijwe kuri Flash TV na Radio Flash nta kibazo bakigizeho, ariko nyuma y'umunsi umwe inkuru itambutse kuri TV na Radio Flash, batunguwe n'ibiganiro bacishije ku rubuga rwa youtube Flash TV Rwanda official channel bisebya company n'abayobozi bayo kandi batarigeze bababaza ibibavugwaho. Abarega bakomeje bavuga mu kirego cyabo ko bagiye kuri Flash kubaza impamvu y'ibyo batangaje kandi batabifitiye gihamya, Chief editor witwa Twahirwa Alphonse arabyemera anabisabira imbabazi, anavuga ko bagiye kubisiba ariko kugeza n'ubu biracyahari. GBC yagaragaje inkuru eshanu (5) zatangajwe kuri youtube channel ya Flash TV.

   Izo nkuru zifite imitwe ikurikira:

   a. DG yanze kumpemba ngo keretse turyamanye;
   b. Boss yansabye ko turarana ijoro, agahinda k'umukobwa wanze kwishyurwa;
   c. Boss yansabye ituru ngo abone kumpemba. Yatanze ubuhamya mu kiniga cyinshi;
   d. Byose byagiye hanze. Ntawe baryamana ngo amuhembe. Asambanya hafi buri mukozi//Byose Sam yabihakanye;
   e. Barashaka kumparabika, Rukundo ushinjwa ruswa y'igitsina.

Ikirego gisaba ko ubuyobozi bw'ikinyamakuru bwakwandika inkuru ivuguruza ibyo batangaje; gutanga indishyi y'akababaro ihwanye n'amafaranga y'Urwanda angina na miliyoni enye(4,000,000 Frw) ku bayobozi bavuzwe mu nkuru ikinyamakuru kitabifitiye gihamya no kwishyura igihombo kingana n'amafaranga y'Urwanda angana na miliyoni eshatu na Magana abiri na mirongo itandatu(3,260,000 Frw) company yagize nyuma y'inkuru yaciye kuri youtube channel ya Flash TV.

Rwanda Media Commission imaze kwakira ikirego, yagennye Komite Ndangamyitwarire igizwe n'Abakomiseri batatu aribo: Komiseri Rev. Past. UWIMANA Jean Pierre, Komiseri UWINEZA Liliane(Perezida) na Komiseri KAGIRE Edmund ngo basuzume ikirego maze banafate umwanzuro.